**IRIBURIRO**

Akarere ka Huye ni kamwe mu Turere umunani tugize Intara y'Amajyepfo. Akarere Ka Huye kashyizweho n'itegeko N° 08/2006 ryo kuwa 24/02/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'akarere. Akarere ka Huye kafashe inshingano zo gukomeza ubumwe n'iterambere by'abaturage bari batuye ibyahoze ari Umujyi wa Butare, Uturere twa Maraba, Kiruhura n'uduce tumwe twa Nyakizu, Karaba, Gikonko na Kibingo.

Ubuso bw'Akarere: 581.5 $Km^2$;
Umubare w'imirenge: 14;
Umubare w'utugari: 77;
Umubare w'imidugudu: 508;
Umubare w'abaturage: 314,022;

Akarere ka Huye gahana imbibi n'Uturere dukurikira:

- mu Majyaruguru hari Akarere ka Nyanza ;
- mu Burasirazuba ndetse no mu majyepfo hari Akarere ka Gisagara ;
- mu Majyepfo ashyira uburengerazuba hari Akarere ka Nyaruguru ;
- mu Burengerazuba hari Akarere ka Nyamagabe.

Ubutumburuke bw'imisozi igize Akarere ka Huye buri mu rwego rw'imisozi iciriritse, icyakora ikaba igenda irushaho kuba miremire uko umuntu agana mu burengerazuba bw'Akarere. Mu burengerazuba bw'Akarere hari imisozi miremire igizwe n'Ibisi birimo n'Igisi cya Huye. Impuzandengo y'ubushyuhe mu mwaka ni 19°C n'aho iy'imvura ni mm 1.200.

Muri rusange, Akarere ka Huye kagizwe n'ibice bibiri by'ingenzi:

- Umujyi 14%;
- Icyaro ari nacyo kinini cyane, 86%.

Ubukungu bw'Akarere ka Huye bushingiye cyane cyane ku mirimo y'ubuhinzi n'ubwo muri rusange ubutaka buhaboneka bwagundutse byongeye kandi bukaba busharira.

Muri rusange, ubuhinzi bukorerwa cyane cyane mu bishanga ariko ibyinshi muri byo ntibitunganije. Ibishanga by'ingenzi biboneka mu Karere ka Huye ni Mwogo, Runukangoma, Nyamukana, Nyiragasari, Cyarubare, Rusuli-Rwamuginga, Rwasave, Cyihene, Nyamugari, Rwibona, Ndobogo, Mpazi, …

Haboneka kandi Inganda ziciriritse zirimo : Entreprise KUBUMWE, LABOPHAR, uruganda rw'impu, urw'AMAZI YA HUYE n'izindi.

Mu Karere ka Huye hari n'Inganda ntoya zitunganya umusaruro w'ubuhinzi:

- Inganda 10 zitunganya kawa;
- Inganda 3 zitunganya imyumbati.

Ubukorikori bukorwa cyane cyane n'amakoperative akora imirimo yerekeranye n'ububaji, kuboha, kudoda, amashusho n'ibindi.

Mu rwego rw'imari, muri Huye haboneka amabanki anyuranye arimo BNR, KBC, BK, COGEBANQUE, ECOBANK, BCR, Banki y'Abaturage y'u Rwanda sa n'ibigo by'imari iciriritse.

Haboneka kandi n'ibigo by'ubwishingizi bunyuranye SONARWA, SORAS, CORAR, RAMA, CSR, COGEAR n'ibindi.

| Ibindi bikorwa | Umubare |
|---|---|
| Amahoteli | 5 |
| Moteli | 15 |
| Telecentre | 2 |
| Ibigo bitwara Abagenzi | 7 |

Mu Karere ka Huye haboneka Ibigo bikora imirimo inyuranye, nko gutwara abantu n'ibintu (ATRACO, HORIZON, INTERNATIONAL, VOLCANO, SOTRA, BELIVEDERE, YAHOO, NEW YAHOO, itumanaho, amahoteri n'Ibigo by'Ubushakashatsi birimo: ISAR, IRST, Ikigo cy'Ingoro z'Umurage w'u Rwanda (National Museums Institute of Rwanda) na LABOPHAR hari n'Ibigo by'amashuri makuru[1]: Kaminuza y'u Rwanda, Institut Supérieur Pédagogique et Cathéchèse, Faculté des théologies, Seminari nkuru ya Nyakibanda na ICA.

[1]*Kaminuza yigenga "Source du Nil" iri gutangizwa.*

Mu Karere ka Huye hari amashuri ku buryo bukurikira:

| **Amashuri** | **Umubare** |
|---|---|
| Amashuri y'Incuke | 91 |
| Amashuri Abanza | 92 |
| Amashuri yisumbuye | 44 |
| Amashuri y'imyuga | 5 |
| Amasomero | 87 |

Mu rwego rw'itangazamakuru, muri Huye haboneka ibinyamakuru binyuranye birimo amaradiyo 2 n'ibinyamakuru byandikwa 2 (HUGUKA, ARBORETUM).

Mu rwego rw'ubuzima, mu Karere ka Huye haboneka Ibitaro by'Akarere (Hôpital Kabutare), Ibitaro bya Kaminuza n'Ibigo nderabuzima 15 n"Amashami y'Ibigo nderabuzima 8. Hari kandi na Pharmacies 4 ndetse na CARAES.

**Imiterere yihariye:**

| | **Ibihari** |
|---|---|
| Imirire mibi [Insécurité alimentaire (%)] | Abana 12,5% (moyen)<br>1,9% (prononce) |
| Abafite amashanyarazi (%) | 15 |
| Abafite amazi meza (%) | 80 |
| Abitabira Amashuri Abanza (%) | 99 |
| Abatuye mu midugudu (%) | 42 |
| Ubutaka burwanyijweho isuri (%) | 93 |

**ICYEREKEZO 2012**

Mu mwaka wa 2012, Akarere ka Huye kagomba kuba gafite:

- Iterambere rihamye ry'Umujyi ndetse n'icyaro;
- Ibikorwa remezo by'ibanze bihagije kandi bigezweho;
- Ubuhinzi n'Ubworozi bw'Umwuga buganisha ku masoko;
- Ubukorikori bugezweho (entreprenariat innovateur);
- Abaturage bafite ubushobozi kandi n'ubushake bwo kuzamura Akarere;
- Urubyiruko rufite ubushake bwo gukora.

By'umwihariko, mu mwaka wa 2012, Umujyi mukuru w'Akarere ugomba kuba utunganijwe neza, ufite isuku, waragutse utarangwamo akajagari .

**INKOMOKO Y'UMUTUNGO W'AKARERE**

- Inkunga ya Leta (Central Government transfers);
- Imisoro n'amahoro by'Akarere;
- Imishinga ya Leta
- Imiryango itegamiye kuri Leta.



DISTRICT DE HUYE
Carte générale avec des limites administratives
29°35'0"E
29°40'0"E
29°45'0"E
29°50'0"E
2°25'0"S
2°30'0"S
2°35'0"S
2°40'0"S
N
S
E
W
Kinazi
Rwaniro
Kigoma
Rusatira
Simbi
Ruhashya
Maraba
Mbazi
Huye
Ngoma
Karama
Tumba
Gishamvu
Mukura
Légende
Bureau du district
Route pavée
Route non pavée
Rivière
Limite de district
Limite de secteur
Forêt
Ngoma: Nom de Secteur
0
5
10
Km
Established by cGIS-NUR, 2007
All rights reserved
Source MINITRACO/CGIS-NUR, Map with administrative boundaries revised by National Institute of Statistics, 2004
Date: June, 2007
Rwanda local Projection 92
Transverse Mercator; False Easting: 500000
False Northing: 10000000, Central Meridian: 30,
Scal Factor: 0.9999, Original Latitude:0

| Ikigamijwe | Ikizagerwaho | Igipimo | Intangiririro | Intego | Igihe | | | | Uburyo bwo kubigenzura | Agaciro |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | **Q1** | **Q2** | **Q3** | **Q4** | | |
| **1. UBUKUNGU** | | | | | | | | | | |
| **1.1. GUTEZA IMBERE ICYARO (RURAL TRANSFORMATION)** | | | | | | | | | | |
| **UBUHINZI** | | | | | | | | | | |
| Kongera umusaruro w'ubuhinzi | Umusaruro n'ubuso buhinzeho ibihingwa byatoranyijwe byiyongereye | Ubuso buhinzeho kawa | 1,600 Ha | Guhinga kawa ku buso bushya bwegeranyijwe bungana na 500 Ha ni ukuvuga ibiti 1,250,000 bya Kawa bishya | X | X | X | X | Raporo z'ibikorwa by'umushinga | 211,395,001 |
| | | Ubuso buhinzeho imyumbati | 3,218 Ha (17T/ha) | Guhinga imyumbati ku buso bushya bwegeranyijwe bungana na 5,000 Ha (20T/Ha). | | X | X | X | Raporo y'ibikorwa by'ubuhinzi | 21,796,128 |
| | | Ubuso buhinzeho Umuceri | 802 Ha (4.8T/ha) | Guhinga umuceriku buso bushya bwegeranyijwe bungana na 1,200 Ha (5.4T/Ha) | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa by'ubuhinzi | 430,000 |
| | | Ubuso buhinzeho ibigori | 1,128 Ha (3.5T/ha) | Guhinga ibigoriku buso bushya bwegeranyijwe bungana na 1,500 Ha (5 T/Ha) | | X | X | X | Raporo y'ibikorwa by'ubuhinzi | 410,000 |
| | | | | | | | | | | **234,031,129** |

| Ikigamijwe | Ikizagerwaho | Igipimo | Intangiririro | Intego (Target) | Igihe | | | | Uburyo bwo kubigenzura | Agaciro |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **UBWOROZI** | | | | | | | | | | |
| Kongera umusaruro w'ubworozi | Umusaruro ukomoka ku bworozi wariyongereye | Umubare w'ingo zikennye zahawe itungo | Ingo zifite nibura itungo ni 43,748/63,970 | Koroza amatungo magufi no kubakira ibiraro imiryango 1,944 idasanzwe zoroye zahawe amatungo (Ihene 1,800 ; Ingurube 1,000 n'Inkwavu 200 ; | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa by'umushinga | 286,720,327 |
| | | Imiryango y'abacitse ku icumu rya Jenoside batishoboye bahawe inka | Ingo zoroye inka ni 19,899 muri rusange | Koroza inka no kubakira ibiraro imiryango 143 y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi | X | X | X | X | Raporo y'igikorwa | 128,642,800 |
| | | Umubare w'inka zatewe intanga | Inka 1,719 zatewe intanga | Gutera intanga inka 2,000 | X | X | X | X | Raporo y'igikorwa | 1,884,980 |
| | | Umubare w'inka zakingiwe | Hakingiwe 20% y'inka zose (34,016) | Gukingira 80% y'inka zose ni ukuvuga inka 27,213/34,016 | X | X | X | X | Raporo y'igikorwa | 4,603,267 |
| | | Ikusanyirizo ry'amata ryubatswe mu Murenge wa Rusatira | Nta kusanyirizo ry'amata rihari | Kubaka Ikusanyirizo ry'amata mu Murenge wa Rusatira | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa by'ubworozi | 154,000,000 |
| | | Ibagiro rikora neza | Ibagiro rishaje ridakoreshwa | Gusana no kwagura ibagiro rya matyazo | X | X | X | | Raporo y'igikorwa | 9,351,028 |
| | | | | | | | | | | **585,202,402** |

| Ikigamijwe | Ikizagerwaho | Igipimo | Intangiririro | Intego | Igihe | | | | Uburyo bwo kubigenzura | Agaciro |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **GUTEZA IMBERE AMAKOPERATIVE** | | | | | | | | | | |
| Guteza imbere amakoperative | Umubare w'abaturage bakorana n'Umurenge SACCO wiyongereye | Umubare w'abakorana n'Umurenge SACCO | 1.Abanyamuryango b'Umurenge SACCO ni 23,712 | Abanyamuryango b'Umurenge SACCO bazagera kuri 28,454 | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 6,000,000 |
| | | | Umurenge SACCO ubikijwemo 56,653,847 | Kongera amafaranga ari mu mirenge SACCO akagera kuri 230,000,000 Rwf | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | |
| | Imishinga y'urubyiruko yatewe inkunga | Umubare w'imishinga y'urubyiruko yatewe inkunga | Koperative imwe y'urubyiruko yatewe inkunga | Gutera inkunga imishinga ya koperative z'urubyiruko | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 6,729,542 |
| | Amakoperative acunzwe neza | Umubare w'ibibazo byakemuwe ugereranyije n'ibyakiriwe | Hakemuwe ibibazo by'imicungire y'umutungo mu maperative 3 | Gukurikirana imicungire y'amakoperative no gukemura ibibazo byose by'imicungire y'umutungo byagaragara mu makoperative | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 70,000 |
| | Imishinga 750 yatewe inkunga mu rwego rwo kwivana mu bukene binyuze mu Financial Services | Umubare w'imishinga yatewe inkunga | Imishinga 718 yatewe inkunga mu rwego rwo kwivana mu bukene binyuze mu Financial Services | Gutera inkunga imishinga 750 mu rwego rwo kuyivana mu bukene binyuze muri financial Services | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa bya VUP | 149,728,227 |
| | | | | | | | | | | **162,527,769** |

| Ikigamijwe | Ikizagerwaho | Igipimo | Intangiririro | Intego | Igihe | | | | Uburyo bwo kubigenzura | Agaciro |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **GUTEZA IMBERE ISHORAMARI, UBUCURUZI N'INGANDA** | | | | | | | | | | |
| Korohereza ishoramari/ investment environment | Santeri z'ubucuruzi (trade centers) zivuguruye | 1.Umubare wa santeri z'ubucuruzi zagejejwemo amashanyarazi<br><br>2.Umubare wa santeri z'ubucuri zagejejwemo amazi<br><br>3.Umubare wa santeri z'ubucuruzi zavuguruwe | 1.Santeri y'ubucuruzi ya Kinazi yatangiye kuvugururwa<br>2. Inyigo zo kugeza amazi n'amashanyarazi kuri santeri z'ubucuruzi zarakozwe | Kugeza amashanyarazi muri santeri z'ubucuruzi (trade centers) za Muyogoro na Rugogwe, imidugudu ya Sahera, Kiruhura na Mpungwe, amashuri ya Kiruhura, Rugogwe, Ruhashya, Mpungwe, Rukara n'ikigo nderabuzima cya Ruhashya | X | X | X | X | Raporo | 855,402,664 |
| | | | | Kugeza amazi muri santeri y'ubucuruzi (trade center) ya Muyogoro | X | X | | | Raporo y'ibikorwa | 26,865,317 |
| | | | | Kuvugurura santeri z'ubucuruzi za Kinazi, Rugogwe na Gako | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | |
| | Umubare w'abikorera bakorana na BDS wiyongereye | Umubare w'abikorera bahawe services na BDS | BDS ikorana n'abikorera 162 | Kongera umubare w'abikorera bakorana na BDS kugeza ku bantu 250 | X | X | X | X | Raporo ya BDS | 40,000 |

| Ikigamijwe | Ikizagerwaho | Igipimo | Intangiririro | Intego | Igihe | | | | Uburyo bwo kubigenzura | Agaciro |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| | Industrial Park ya Sovu yujuje ibisabwa | Inyigo irahari | Hari industrial park yatangiye gukoreshwa ariko nta nyigo | Gukora inyigo ya Industrial Park | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 110,000 |
| | | | | | | | | | | **882,417,981** |
| **KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO** | | | | | | | | | | |
| Kwinjiza imisoron'amahoro | Amafaranga yose yateganyijwe mu ngengo y'imari y'umaka wa 2010-2011 yarinjiye | Umubare w'amafaranga yinjiye | 487,724,566 Rwf | Kwinjiza 661,185,505 Rwf | X | X | X | X | Raporo y'imyinjirize y'amafaranga | 10,272,000 |
| | | | | | | | | | | **10,272,000** |
| **UBUTAKA N'IMITURIRE** | | | | | | | | | | |
| Kwandika ubutaka | Ubutaka bwanditswe ku buryo bukurikije amategeko | Umubare w'imirenge ubutaka bwamaze kwandikwa | Handitswe ubutaka mu mirenge 3 kuri 14 (Maraba, Kigoma na Simbi) | Kwandika ubutaka mirenge 4 (50%) | X | X | X | X | Raporo y'igikorwa cya Systematic land registration | 130,000 |
| Guteza imbere imiturire mu midugudu | Ingo zituye mu mudugudu zariyongereye | Ijanisha ry'ingo zituye mu midugudu | 42% [26,139] by'ingo 62,236 batuye mu midugudu | Gutuza abantu mu midugudu kugeza ku kigero cya 48% | X | X | X | X | Raporo y'igikorwa cy'imiturire | 29,560,569 |
| | | | | | | | | | | **29,690,569** |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **IBIDUKIKIJE/ENVIRONMENT** | | | | | | | | | | |
| Kongera amashyamba | Ubuso buteyeho amashyamba bwiyongereye | Umubare w'ibiti byarewe | Muri 2010 hatewe ibiti 1,239,000 | Gutegura no gutera ingemwe z'ibiti 770,000 | X | X | X | | Raporo y'ibikorwa | 24,794,000 |
| Kurinda ibidukikije | Inyigo yo gusana bakokwe irahari | Aho inyigo igezes | Hari bakokwe /inkangu zibangamiye ibidukikije | Hazakorwa inyigo yo gusana za bakokwe/inkangu (ravins) | X | X | | | Raporo y'inyigo | 20,265,000 |
| | Ubwiherero ku bigo by'amashuri bwiyongereye | Umubare w'imisarani yubatswe | Imisarani ku bigo by'amashuri ntihagije | Kubaka Blocs 16 zifite imiryango 80 zubatse (ECOSAN) | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 94,436,462 |
| | Umuturage umwe w'intangarugero muri buri murenge ukoresha biogaz | Umubare wa biogaz zubatswe | Abaturage 8 b'intangarugero bakoresha biogaz | Gufasha abaturage 6 b'intangarugero kubaka biogaz | X | X | X | | Raporo y'ibikorwa | 320,000 |
| | Ubutaka buhinze burwanyijeho isuri | Ubuso bw'ubutaka buhingwa burwanyijeho isuri | Ubuso burwanyijeho isuri ni 70% | Kurwanya isuri ku kigero cya 95% | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 790,000 |
| | | | | | | | | | | **140,605,462** |
| **IBIKORWA REMEZO** | | | | | | | | | | |
| Kubaka amateme | Ibiraro bya Rusuma, Maraba na Rwasave byubatswe | Umubare wibiraro byubatswe | Ibiraro bya Rusuma, Maraba na Rwasave byaracitse | Kubaka ibiraro bya Rusuma, Maraba na Rwasave | | X | X | X | Raporo y'imishinga | 52,583,898 |
| | | | | | | | | | | **52,583,898** |

| Objective | Output | Indicator | Baseline | Target | Timeframe | | | | Means of verification | Cost |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **1.2. GUTEZA IMBERE UMUJYI WA HUYE (URBAN DEVELOPMENT)** | | | | | | | | | | |
| **IBIKORWA REMEZO** | | | | | | | | | | |
| Kubaka imihanda | Imihanda y'amabuye mu mujyi wa Huye yubatswe | Uburebure bw'umuhanda wubatswe | Imihanda y'ibitaka yo mu mujyi wa Huye ifite uburebure bwa 21.8 Km yakorewe inyigo yo kubakwa | Kubaka imihanda y'amabuye mu Mujyi wa Huye ya 8.297 km | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 2,428,827,036 |
| | Inyigo y'imihanda ya Ngoma na Tumba yakozwe | Inyigo irahari | Imihanda yarangiritse | Gukora inyigo y'imihanda ya Ngoma na Tumba | X | X | X | | Inyigo yakiriwe | 42,294,667 |
| Guteza imbere imikino | Stade y'imikino ya Huye yasanwe kandi yaguwe | Stade Huye yujuje ibisabwa by'ibanze | Stade Huye ntoya kandi yangiritse cyane | Gusana no kwagura Stade y'imikino ya Huye | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 174,189,558 |
| Guteza imbere ubucuruzi | Isoko rya Kijyambere rifite imiryango | Isoko ryuzuye | Imirimo yo kubaka isoko yaratangiye | Kurangiza inyubako y'isoko rya kijyambere (modern market) | X | X | X | | Raporo y'ibikorwa by'umushinga | 1,400,000,000 |
| Gucanira umujyi wa Huye | Amatara yo ku mihanda yo mu mujyi amurikira abawutuye n'abawugenda | Umujyi ucaniye | Amatara menshi yo ku muhanda ntiyaka | Gusana amatara yo ku mihanda izakorwa yo mu mujyi wa Huye | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa | 338,000,000 |
| | | | | | | | | | | **4,383,311,261** |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **UBUTAKA N'IMITURIRE** | | | | | | | | | | |
| Kunoza imiturire mu mujyi wa Huye | Ibibanza bifite ibyangombwa by'imyubakire mu mujyi | Umubare w'inzu n'ibibanza biri muri cadastre | Ikibanza cyapimwaga nyiracyo abisabye | Gupima ibibanza 1,200 no kubiha ibyangombwa | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo y'ibikorwa | 3,000,000 |
| Kunoza serivisi zihabwa abaturage | Abasaba ibyangombwa byo kubaka babibona mu gihe kitarenze iminsi 30 | Iminsi itangwamo ibyangombwa byo kubaka | Nta minsi igenwe mu gutanga ibyangombwa byo kubaka | Gutanga ibyangombwa ku bifuza kubaka mu gihe kitarenze iminsi 30 | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo y'ibikorwa | 220,000 |
| Kwita ku isuku y'umujyi | Umujyi uteyemo ibiti by'imitako | Umubare w'ibiti by'imitako byatewe | Ibiti bishaje bikwiye gusimbuzwa | Gutera ibiti 120,000 by'imitako mu mujyi wa Huye | | **X** | **X** | **X** | Raporo y'ibikorwa | 800,000 |
| | | | | | | | | | | **4,020,000** |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **2. IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE** | | | | | | | | | | |
| **2.1 UBUZIMA** | | | | | | | | | | |
| Kongerera abaturage ubushobozi bwo kubona ubuvuzi bw'ibanze | Abaturage bose bafite ubwishingizi mu kwivuza bitarenze Kamena 2010 | % ry'abaturage bafite ubwishingizi mu kwivuza | 87,3% | 100% | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo z'amashami y'ubwisungane mu kwivuza, Rapport z'Ikigo cy'ubwisungane mu kwivuza | 120,320,000 |
| Gukurikirana no kwita ku buzima bw'ababyeyi | Umubare w'abaturage bitabira gahunda yo kuboneza urubyaro wiyongereye | % ry'abakurikiza gahunda yo kuboneza urubyaro; | 32.4% | 50% | X | X | X | X | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 16,959,300 |
| | Umubare w'abagore batwite bisuzumishije buri gihembwe mbere yo kubyara wiyongereye | % ry'abagore bisuzumisha byibura 4 mbere yo kubyara | 18% | 65% | X | X | X | X | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 1,040,000 |
| | Umubare w'abagore babyaririra kwa muganga wiyongereye | % ry'abagore babyarira kwa muganga | 67.10% | 80% | X | X | X | X | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 15,364,500 |
| Gukurikirana no kwita ku buzima bw'abana bafite | Abana bose bakingiwe | % ry'abana bakingiwe (inkingo zose) | 90.10% | 100% | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 5,000,000 |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| munsi y'imyaka itanu | Umubare w'abana bafite ikibazo cy'imirire mibi wagabanutse | % ry'abana bagaragaraho imirire mibi ikabije | 1.6% | 1% | X | X | X | X | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 360,000 |
| Kurwanya impfu z'abagore ziturukа ku kubyara | Inzu zo kubyariramo mu bigo bya Rango, Rusatira, Matyazo, Karama na Sovu zaguwe | Umubare w'ibigo nderabuzima byaguriwe aho kubyarira | Hari ibigo nderabuzima bitanu bidafite aho kubyarira hakwiye | Kwagura aho abagore babyarira (maternite) mu bigo nderabuzima bya Rango, Rusatira, Matyazo, Karama na Sovu | X | X | X | X | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 200,000 |
| Kwegereza abaturage ibikorwa by'ubuzima | Ikigo nderabuzima cya Maraba gifite ibikoresho by'ibanze n'abakozi | Umurenge wa Maraba nta kigo nderabuzima cyahabaga | Hari imirenge itatu idafite ibigo nderabuzima | Gutangiza ikigo nderabuzima cya Maraba | X | X | | | Raporo z'ibikorwa by'ubuzima | 39,323,176 |
| | | | | | | | | | | **198,566,976** |
| **UBUREZI** | | | | | | | | | | |
| **Guteza imbere uburezi** | Ibyumba by'amashuri 73 n'ubwiherero 144 byubatswe mu rwego rw'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 | Umubare w'ibyumba by'amashuri byubatswe | Hubatswe ibyumba 111 mu mwaka wa 2009-2010 | Kubaka ibyumba by'amashuri 100 n'ubwiherero 144 | X | X | | | Raporo y'igikorwa cyo kubaka ibyumba by'amashuri muri gahunda ya 9YBE | 154,384,036 |
| | Ubucucike mu mashuri bwagabanutse | Umubare w'abanyeshuri ku umwarimu | Abanyeshuri 48 ku mwarimu | kugera ku banyeshuri 44 ku mwarimu mu mashuri abanza | X | X | X | X | Raporo y'ibikorwa by'uburezi | |
| | | | | | | | | | | **154,384,036** |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE** | | | | | | | | | | |
| Gufasha abatishoboye kubona amacumbi | Imiryango 25 y'abatishoboye yafashijwe kubona amacumbi | Amacumbi 25 yuzuye | Imiryango 14 yafashijwe kubona amacumbi | Imiryango 25 itsihoboye yabonye amacumbi | X | X | X | X | Raporo y'amacumbi | 39,000,000 |
| | Ingo zituye muri Nyakatsi zavuye muri nyakatsi zitura mu midugudu | Umubare w'ingo zavuye muri nyakatsi zigatura mu midugudu | Nyakatsi 15 zakuweho hubakwa amazu meza mu mudugudu | Abatishoboye 6,920 bakuwe muri nyakatsi kandi batujwe mu mudugudu | X | X | X | X | Raporo z'abakuwe muri nyakatsi batujwe mu midugudu | 109,642,868 |
| | Abacitse ku icumu bafashijwe kubona amacumbi | Abacitse ku icumu 248 bafashijwe kubona amacumbi | Habaruwe 248 y'abacitse ku icumu badafite icumbi | Abacitse ku icumu 248 bazafashwa kubona amacumbi | X | X | X | X | Raporo y'amacumbi y'abatishoboy e | 346,084,000 |
| Gufasha abatishoboye kwikura mu bukene ku buryo burambye | Imishinga 7 yo kwifasha kwikura mu bukene y'abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma yatewe inkunga | Umubare w'imishinga yakozwe neza ku nkunga y'Akarere | Umushinga 1 watewe inkunga mu murenge wa Tumba | Imishinga 7 izaterwa inkunga kandi ikorwe neza | | X | X | X | Raporo y'imishinga yatewe inkunga | 7,000,000 |
| | Umushinga wa Koperative y'ababana n'ubumuga watewe inkunga | Umushinga uciriritse watewe inkunga | Nta mushinga w'ababana n'ubumuga watewe inkunga | Umushinga wavuguruwe kandi watewe inkunga | | X | X | | Raporo y'imishinga yatewe inkunga | 3,000,000 |
| | Kuri buri mudugudu Umujyambere 1 yatewe inkunga yo kwivanamu bukene | Gutanga ihene 508 ku bajyambere batoranijwe mu mudugudu | Abajyambere bafashwaga n'abaturanyi babo | Abajyambere 508 bahawe ihene zo korora ngo babone n'ifumbire | | | X | X | Raporo y'itangwa ry'ihene | 7,620,000 |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| | Abana b'abanyeshuri b'abakene bafashijwe kubona amafaranga y'ishuri n'ibikoresho by'ishuri by'ibanze | Kwishyura amafaranga y'ishuri n'ibikoresho ku bana b'abanyeshuri b'abakene | Abana 1916 bafashijwe kubona amafaranga y'ishuri n'ibikoresho | Abana 3000 bafashijwe kubona mafaranga y'ishuri n'ibikoresho binyuranye | | | X | X | Urutonde rw'abana bafashijwe kubona amafaranga y'ishuri n'ibikoresho | 73,116,358 |
| | | | | | | | | | | **585,459,226** |

| **Ikigamijwe (Objective)** | **Ikizagerwaho (Output)** | **Igipimo (Indicator)** | **Intangiririro (Baseline)** | **Intego (Target)** | **(Igihe)Timeframe** | | | | **Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification)** | **Agaciro (Cost)** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | **Q1** | **Q2** | **Q3** | **Q4** | | |
| **IMIYOBORERE MYIZA** | | | | | | | | | | |
| **Gushimangira amahame ya Demokarasi hakorwa amatora mu mucyo** | Amatora ateguwe neza kandi yitabiriwe | Umubare bitabiriye amatora | Abaturage bitabiriye amatora ku kigero cya 93.7% | Abaturage bose bagejeje igihe cyo gutora bazakangurirwa kwitabira amatora no gutora mu ituze | **X** | | **X** | | Raporo y'amatora | 3,080,000 |
| ***Gutoza Intore no kunoza ibikorwa byazo mu Midugudu no mu Mirenge*** | Inzego z'Intore zikora neza | Umubare w'intore zatojwe | Intore 5,206 zimaze gutozwa mu byiciro byose | Gutoza intore 1,694 (Gahunda y'intore) | | X | | | Raporo y'amahugurwa y'itorero | 98,438,465 |
| ***Kurangiza ibibazo by'abaturage binyuze mu nteko ya rubanda*** | Inteko za rubanda zikora neza | Ijanisha ry'ibibazo byakemuwe mu nteko z'abaturage | Ibibazo by'abaturage byarangizwaga ku kigero cya 91.2% | Ibibazo byose bizashyikirizwa inteko z'abaturage bizakemuka | X | X | X | X | Raporo zitangwa | 150,000 |
| **Gucunga neza imari n'umutungo bya Leta** | Amakosa mu micungire y'imari n'umutungo yagabanutse | Ijanisha ry'amakosa yagabanutse | Raporo z'ubugenzuzi (audit reports) zerekana ko hari amakosa akigaragara mu micungire y'imari n'umutungo | Kugabanya umubare w'amakosa akorwa mu micungire y'umutungo n'imari bya Leta | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo z'imicungire y'imari n'umutungo | 3,056,000 |
| **Kubaka database** | Imibare ikoreshwa mu igenamigambi no mu buyobozi iri ku gihe | Database irahari | Imibare ihari ntihagije | Gukusanya imibare ikoreshwa mu buyobozi (Administration Statitistics) | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo y'ibarurishamibare | 5,790,000 |
| | | | | | | | | | | **110,514,465** |

| Ikigamijwe (Objective) | Ikizagerwaho (Output) | Igipimo (Indicator) | Intangiririro (Baseline) | Intego (Target) | (Igihe)Timeframe | | | | Uburyo bwo kubigenzura (Means of verification) | Agaciro (Cost) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | Q1 | Q2 | Q3 | Q4 | | |
| **UBUTABERA** | | | | | | | | | | |
| **Kwifashisha urwego rw'abunzi mu guca imanza** | Imanza zashyikirijwe abunzi zaciwe neza | Ijanisha ry'imanza zaciwe | Imanza abunzi bafitiye ububasha bwo guca zicibwa ku kigero cya 93% | Imanza abunzi bafitiye ubusha bwo guca zizacibwa ku kigero cy' 100% | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo | 6,475,700 |
| **Kurangiza imanza zisanzwe zaciwe burundu** | Imanza zaciwe n'inkiko zarangijwe | Ijanisha ry'imanza zarangijwe | 83% y'imanza zaciwe burundu zararangijwe mu Karere hose | Imanza zose zaciwe burundu zirarangizwa | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo | 3,766,000 |
| **Gukoresha abatijisiti mu bikorwa by'amajyambere y'Akarere** | Abakatiwe igihano nsimburagifungo (TIG) bafashijwe kurangiza igihano mu ngando | Umubare w'abafashijwe kurangiza igihano | Abakatiwe TIG (317) batari mu ngando zo kurangiza igihano | Gufasha abantu 1,000 bakatiwe TIG kurangiza igihano cyabo hakorwa ingando yo guconga amabuye | **X** | **X** | **X** | **X** | Raporo y'ibikorwa bya TIG | 196,326,600 |
| | | | | | | | | | | **206,567,700** |
| | | | | | | | | | | **7,740,154,874** |

## UMWANZURO

Akarere ka Huye kiyemeje kuba kageze kuri iyi mihigo mu gihe giteganijwe. Ubuyobozi bw'Akarere buzabishyiramo imbaraga zose zikenewe, kandi abaturage bazakangurirwa kubigira ibyabo no gutanga uruhare rwabo.

Ibi birasaba nanone ko inzego nkuru za Leta n'abandi bose bemeye gutanga uburyo bwo gushyira mu bikorwa iyi mihigo babyubahiriza, kandi bigakorerwa igihe. Icyizere kirahari, uyu mwaka urarangira duhinduye isura y'Akarere kacu, duteye intambwe igaragara mu majyambere.

Tuzakomeza guharanira kuba Indatirwabahizi, duhora kw'Isonga mu bupfura, mu butwari, mu murava no mu bunyangamugayo.